



# INGUZANYO Y'UBWIKOREZI N'ITUMANAHO

## IRIBURIRO:

Iyi inguzanyo y'ubwikorezi n'itumanaho yashyiriweho abantu ku giti cyabo n'ibigo bikorera mu rwego rw'ubwikorezi n'itumanaho ku nzego zitandukanye. Abagize uru rwego bashishikarizwa guteza imbere uruhare rw'urubyiruko, abagore n'abantu bafite ubumuga, kandi bagakangurirwa gukoresha moto n'imodoka zikoreshwa n'ingufu zivanze (hybrid) cyangwa amashanyarazi kugira ngo bagabanye ingaruka ku bidukikije

## ABO IGENEWE:

1. Abacuruzi ba moto, imodoka n'amagare
2. Abacuruzi n'abasana ibikoresho by'itumanaho, ibikoresho bifasha mu itumanaho ndetse n'ibikorwaremezo byaryo
3. Abatwara abantu n'ibintu kuri moto, imodoka n'amagare, kinyamwuga cyangwa ku giti cyabo
4. Ibigo bya Leta n'ibiyigenga bikoresha moto, imodoka n'amagare
5. Amaduka acuruzi ibikoresho bisimbuzwa ibyashaje n'ibyangiritse by'ubwikorezi n'itumanaho
6. Ibindi bijyanye nabyo bitavuzwe hejuru

## UMWIHARIKO:

1. Itangwa ku nyungu nto: 1.75% ku kwezi cyangwa 21% ku mwaka
2. Iboneka mu gihe gito (Serivise nziza kandi yihuse)
3. Igihe gihagije cyo kwishyura: Gishobora kugera ku mezi 60 (imyaka 5)



## IBYO KWITABWAHO MU GUHANGANA N' IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE:

- a. Kugura cyangwa gukodesha imodoka zikoresha amashanyarazi, imirasire y'izuba, cyangwa izihuza ingufu zitandukanye (hybride) kugira ngo hagabanywe ingaruka ku bidukikije mu bwikorezi.
- b. Kubaka ibikorwaremezo bifasha ibinyabiziga bikoresha amashanyarazi kuyabonera igihe cyose akenewe (recharging).

## INGANO Y'INGUZANYO ITANGWA:

Umuntu ku giti cye, amatsinda, amakoperative, amasosiyete, ibigo n'abandi bose bakora ishoramari mu bikorwa by'ubwikorezi n'itumanaho bashobora guhabwa ageze kuri 35,000,000 Frw cyangwa akarenga bitewe n'ibipimo ngenderwaho.

## IBISABWA:

1. Kuba ufite konti yo kubitsa ikora neza
2. Kuba warishyuye umugabane wose
3. Kuba ufite imyaka 18 kuzamura
4. Kuba ufite ingwate
5. Kuba utarambuye ibigo by'imari
6. Kwishyura ubwishingizi
7. Kubahiriza amahame y'ubuhinzi burambye kandi burengera ibidukikije

